# >>> IMPARIRWAMIHIGO ZA NYAMAGABE NEWSLETTER <<<

KANAMA 2024

## MU KARERE HATANGIRIJWE IBIKORWA BYO KWIYAMAMAZA KU BASENATERI BAHAGARARIYE AMAJYEPFO



>>> SOMA PAJI YA 12

>>> SOMA PAJI YA 17

## MINISITIRI WA MINEMA YISHIMIYE UKO IBIKORWA BYO KUBAKA RUHURURA MUNSI Y'INKAMBI Y'IMPUNZI YA KIGEME BIRI KUGENDA



SOMA PAJI YA 18 <<<

## UMUYOBOZI W'AKARERE YAKOREYE UMUGANDA WA KANAMA MU MURENGE WA KADUHA AHATUNGANYIJWE UMUHANDA W'UMUGENDERANO





>>> SOMA PAJI YA 2

## GUVERINERI KAYITESI YIZIHIRIJE UMUGANURA MU KARERE, HAMURIKWA BIMWE MU BIKORWA

# GUVERINERI KAYITESI YIZIHIRIJE UMUGANURA MU KARERE, HAMURIKWA BIMWE MU BIKORWA



***Guverineri KAYITESI yizihirije Umuganura i Kitabi***

Ku wa 02 Kanama 2024, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice KAYITESI ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI hamwe n'abagize Inama y'Umutekano Itaguye y'Akarere bifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Kitabi, mu birori byo kwizihiza umunsi mukuru w'Umuganura wari ufite insanganyamatsiko igira iti: "UMUGANURA ISOKO Y'UBUMWE N'ISHINGIRO RYO KWIGIRA. Tuganure dushyigikira gahunda yo kugaburira abana ku ishuri".



***Abaturage ba Kitabi bitabiriye umunsi w'Umuganura***

Guverineri KAYITESI wari umushyitsi mukuru muri ibi birori yasabye abaturage b'Umurenge wa Kitabi gukora cyane mu rwego rwo kugira ngo Umuganura w'umwaka utaha wa 2025 bazahure bishimira ko bageze kuri byinshi kurusha uyu mwaka.

Guverineri Kayitesi yabasabye kandi gushyigikira gahunda yo kugaburira abana ku Ishuri.




***Guverineri KAYITESI yifatanyije n'abaturage ba Kitabi mu Umuganura***

Umunsi w'Umuganura mu Murenge wa Kitabi waranzwe n'ibikorwa bitandukanye birimo guha abana amata, gusura ibikorwa bitandukanye bikorerwa muri uyu Murenge, imbyino gakondo n'ibindi.

Ibirori byo kwizihiza umunsi mukuru w'Umuganura byizihirijwe mu yindi Mirenge yose igize Akarere.

# AKARERE KAKOREWE ISUZUMA RY'IMIHIGO Y'UMWAKA WA 2023-2024 NA NISR



***Akarere kakiriye itsinda rya NISR ryakoze isuzuma ry'imihigo y'Akarere ya 2023-2024***

Ku wa 03 Kanama 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere (bose) yakiriye itsinda ry'Abakozi b'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare (NISR) bari baje mu gikorwa cy'isuzuma ry'imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2023-2024 no kureba uko ibyakozwe mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2017-2018 bibungabunzwe.

Ku munsi wa mbere w'iki gikorwa basuye ibiri mu Mirenge ya Cyanika, Tare na Kamegeri.



***Meya NIYOMWUNGERI yayoboye itsinda ryakoreye mu Murenge wa Cyanika***

Itsinda ryasuye ibikorwa biherereye mu Murenge wa Cyanika, ryayobowe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI aho ryasuye Ibiro by'Akagari ka Kiyumba byasanwe, amavomo, Ivuriro Rito rya Kiyumba, ibikorwa by'ubworozi bw'inzuki bya Koperative y'Abafite Ubumuga, Uruganda rw'Ikawa, Umudugudu w'Icyitegererezo wa Gitega, Urugo Mbonezamikurire y'Abana Bato (ECD Cyanika) n'ibindi.

Mu bikorwa byo mu mihigo y'Akarere y'umwaka wa 2017-2018 basuye Ikiraro cya Kaviri ya 2 cyubatswe.

Muri rusange basanze ibi bikorwa byose bimeze neza.



***Itsinda ryakoreye mu Cyanika ryasuye Umudugudu w'Icyitegererezo wa Cyanika***

Iminsi ibiri yakurikiyeho, aya matsinda yakomereje mu yindi Mirenge.

Ku wa 06 Kamena 2024, ni bwo iri tsinda ry'Abakozi ba NISR ryasoje igikorwa cyo gusuzuma imihigo y'Akarere y'umwaka wa 20223-2024 no kureba niba ibikorwa byo mu mwaka wa 20217-2018 bigikora.

Nyuma yo gusoza iki gikorwa bakiriwe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO bagirana ibiganiro byanitabiriwe n'abagize Ihuriro ry'Abafatanyabikorwa mu Iterambere ry'Akarere (JADF NYAMAGABE).

Ibiganiro bagiranye byibanze ku ruhare rw'aba Bafatanyabikorwa mu guteza imbere umuturage.

Bakiriwe kandi n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI wari uri kumwe n'abagize Komite Nyobozi (bose).

By'umwihariko byibanze ku byo bakoze muri Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere mu Cyiciro cyayo cya Mbere (NST1) ari na yo Gahunda ya Guverinoma y'Imyaka irindwi (7YGP) yo kuva mu mwaka wa 2017 kugeza mu wa 2024.

Meya NIYOMWUNGERI yavuze ko kimwe mu byafashije Akarere kwesa imihigo mu mwaka wa 2023-2024 ari imikoranire myiza yabaye hagati y'inzego zitandukanye, inama zibandaga ku mihigo n'ibindi.

Yaboneyeho gusaba NISR kujya igira uruhare mu gutegura imihigo y'Uturere mu rwego rwo kugira ngo turusheho kuyesa.




***Mu bindi bikorwa NISR yasuye harimo Uruganda rw'Icyayi rwa Mushubi (Mushubi Tea Company Ltd)***

## UBUYOBOZI BW'AKARERE BWAKIRIYE ABAYOBOZI N'ABAKINNYI B'IKIPE Y'AMAGAJU FC




***Ubuyobozi bw'Akarere bwakiriye Abakinnyi b'Amagaju FC***

Ku wa 08 Kanama 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI ari kumwe n'abagize Komite Nyobozi y'Akarere (bose) bakiriye Abayobozi n'Abakinnyi b'AMAGAJU FC babashimira uko bitwaye mu mwaka w'imikino wa 2023-2024.

Ikipe y'AMAGAJU FC iterwa inkunga n'Akarere ka Nyamagabe yasoje umwaka w'imikino mu kiciro cya mbere mu Rwanda mu bagabo iri ku mwanya wa 8 kandi ari bwo yari ikiva mu kiciro cya kabiri.

Ni umwanya wishimiwe n'ubuyobozi bw'Akarere bituma bubatumira mu mugoroba wo gusangira.

Bwana Paul NSHIMYUMUREMYI, Perezida w'AMAGAJU FC yashimiye ubuyobozi bw'Akarere budahwema kuba hafi ikipe kuko ngo ntacyo yabuburanye mu mwaka w'imikino wa 2023-2024.

Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yashimiye Abakinnyi b'Amagaju uburyo bitwaye mu kibuga no hanze yacyo, ibyatumye bahesha ishema Akarere.

Yabasazeranyije ko Akarere katazigera kabatererana, abasaba ko muri uyu mwaka w'imikino wa 2024-2025 baza mu myanya itanu ya mbere.



***Meya NIYOMWUNGERI yashimiye ubuyobozi n'abakinnyi b'Amagaju FC***



***Ikipe y'Amagaju yashimiwe umwanya yajeho mu mwaka w'imikino wa 2023-2024***

Abakinnyi b'Ikipe y'Amagaju bemereye ubuyobozi bw'Akarere ko ari ihame Amagaju FC azaza mu myanya 5 ya mbere.

Mu mikino 2 Amagaju FC amaze gukina muri uyu mwaka, nta n'umwe aratakaza kuko yanganyije na Bugesera FC 0-0 ayisanze iwayo mu Karere ka Bugesera, arongera anganya na Rayons Sports ibitego 2-2 na yo ayisanze kuri Kigali Pelé Stadium yakiriraho.

# AKARERE KAKIRIYE UMUFATANYABIKORWA WIFUZA KUZAMURA IMIBEREHO Y'ABASIGAJWE INYUMA N'AMATEKA



*Meya NIYOMWUNGERI yakiriye umufatanyabikorwa mushya*

Ku wa 09 Kanama 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye Justin Wren, wifuza kuba umufatanyabikorwa w'Akarere mu gufasha imiryango ikennye by'umwihariko iy'abasigajwe inyuma n'amateka kwikura mu bukene abinyujije mu Muryango yashinze witwa Justin Wren Foundation.

Nyuma yo kuganira kuri iyi gahunda n'uburyo yifuza kuyishyira mu bikorwa, aherekejwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI n'Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA, Justin Wren yasuye imwe mu miryango y'abasigajwe inyuma n'amateka yatujwe mu Kagari ka Nyabivumu ko mu Murenge wa Gasaka.

Baganiriye n'abagize iyi miryango ku mibereho yabo ya buri munsi, ubufasha bahawe na Leta, uko baharanira kwivana mu bukene n'ubufasha bumva bahabwa kugira ngo bubafashe kwiteza imbere.

Umwe muri bo yaragize ati: "Njyewe nakuze mbona kandi numva umutwa (uwasigajwe inyuma n'amateka) ari umuntu usuzuguritse cyane. Ntaho kuba hazima twagiraga, twiberaga mu tuzu tw'ibyatsi na two tudafashije, mbese twari tubayeho nabi cyane, ariko Leta y'u Rwanda irangajwe imbere na Nyakubahwa Paul Kagame yaranyubakiye, ubu mfite aho kuba. Rero mbonye nk'uwantera inkunga nkagura agatungo ndetse nkabona n'igishoro nacuruza utuntu tworoheje. Ubusanzwe umwuga wacu ni ukubumba ariko ntukidutunze. Tubumba inkono bituvunnye ariko zikagura make, kandi uri kugenda ucika kuko abana bacu ntawo bazi."



*Hasuwe imiryango y'abasigajwe inyuma n'amateka bo muri Gasaka*

Justin Wren Foundation ifite imishinga ifasha mu guteza imbere abo bigaragara ko amateka yasigaje inyuma mu bihugu nka Repubulika iharanira Demokarasi ya Kongo na Uganda.

Kuri iyi nshuro urifuza kubyagurira mu Rwanda by'umwihariko mu Karere ka Nyamagabe.

## MU KARERE HATANGIJWE GAHUNDA Y'INTORE MU BIRUHUKO




***Mu Karere hatangijwe gahunda y'Intore mu Biruhuko***

Ku wa 08 Kanama 2024, kuri Stade Nyagisenyi, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yatangije ku rwego rw' Akarere, gahunda y'Intore mu Biruhuko yitabiriwe n'abana basaga 1000.

Visi Meya UWAMARIYA yasabye urubyiruko n'abana kuzajya rwitabira kenshi iyi gahunda kuko ruzayungukiramo byinshi bijyanye n'uburere mboneragihugu, indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda, ubumenyi ku buzima bw'imyororokere n'ibindi.

Yabasabye kandi gukunda ishuri kuko ari cyo gishoro cyabo mu buzima.

Yabasabye kandi kwirinda kwishora mu ngeso mbi zabangiriza ejo heza habo nko kujya mu biyobyabwenge, mu buzererezi n'ibindi.

Gahunda y'Intore mu Biruhuko, igamije gutoza abana n'urubyiruko bari mu biruhuko, kurinda ubuzima bwabo no gukunda Igihugu baharanira kwigira no kugira uruhare mu iterambere ry'u Rwanda.



***Abasaga 1000 ni bo bitabiriye ibikorwa byo gutangiza gahunda y'Intore mu Biruhuko***

# UMUYOBOZI W'AKARERE YAYOBOYE INTEKO Z'ABATURAGE MU MIRENGE ITANDUKANYE



***Meya NIYOMWUNGERI mu Nteko y'Abaturage ku Kigeme***

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Kigeme, mu Murenge wa Gasaka, asaba abaturage kugira uruhare mu kurinda umutekano wabo ahanini bitabira kurara amarondo.

Bimaze kumenyerwa ko buri wa Kabiri, mu Tugari twose tugize Akarere haba Inteko z'Abaturage aho abayobozi bahura n'abaturage bakaganira kuri gahunda za Leta zitandukanye, bakakira ibibazo byabo bikanahabwa umurongo.

Ni muri urwo rwego ku wa 13 Kanama 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayiyoboye mu Kagari ka Kigeme, mu Murenge wa Gasaka.

Yasabye abaturage kugira uruhare mu mutekano wabo barushaho kwitabira amarondo.

Yabasabye kandi gukora cyane mu rwego rwo kwivana mu bukene.

Ku wa 20 Kamena 2024, Inteko y'Abaturage yayiyoboye mu Kagari ka Manwari, mu Murenge wa Mbazi.

Yasabye abaturage gukora cyane mu rwego rwo kwivana mu bukene, gutegura neza igihembwe cy'ihinga 2025A, kwicungira umutekano barushaho kurara amarondo, gukomeza kwishyura umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza, kugira isuku n'ibindi.

Muri izi Nteko kandi hakiriwe ibibazo by'abaturage binahabwa umurongo.



***Muri izi Nteko z'Abaturage Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage gukora cyane***

# INTEKO RUSANGE Y'INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAGORE: URUHARE RW'UMUGORE MU ITERAMBERE RY'IGIHUGU



***Inteko Rusange ya CNF y'Akarere***

Ku wa 16 Kanama 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yitabiriye Inteko Rusange y'Inama y'Igihugu y'Abagore mu Karere yabaye hagaragazwa uruhare rw'umugore mu iterambere ry'igihugu mu myaka 30 ishize u Rwanda rubohowe.

Muri iyi Nteko Rusange yatumiwemo Abafatanyabikorwa b'Akarere bagira uruhare mu gushyira mu bikorwa imihigo y'Inama y'Igihugu y'Abagore, abagore basabwe kwitinyuka bakabyaza umusaruro amahirwe ahari.



***VM ASOC yasabye abagore kubyaza umusaruro amahirwe bashyiriwe***

Umuyobozi w'Akarere Wungirje Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yaragize ati: "Mugomba kwitinyuka mukabyaza umusaruro amahirwe ahari, mugakora cyane mukiteza imbere."

Yababwiye ko Leta y'u Rwanda ntako itagira kugira ngo umugore yiteze imbere bityo batagomba gupfusha ubusa ayo mahirwe.

Yabasabye kandi gushyira imbaraga mu gukemura ibibazo bibangamiye umuryango nyarwanda nk'inda ziterwa abangavu, igwingira mu bana n'umwanda.




***Umuhuzabikorwa wa CNF ku Karere agaragaza ibyagezweho mu mwaka wa 2023-2024***

Muri iyi Nteko kandi hagaragajwe ibikorwa byakozwe mu mihigo ya Mutimawurugo mu mwaka wa2023-2024 mu nkingi y'ubukungu, iy'imiyoborere myiza n'iy'imibereho myiza.

Hagaragajwe kandi ibiteganyijwe mu wa 2024-2025.

Inteko Rusange y'Inama y'Igihugu y'Abagore y'uyu mwaka yari ifite insanganyamatsiko igira it: "Imyaka 30: Uruhare rw'Umugore mu Iterambere mu Rwanda."

# UMUYOBOZI W'AKARERE YITABIRIYE UMUGANDA WO KUVOMERERA IMBOGA



*Meya NIYOMWUNGERI mu muganda wo kuvomera imboga mu gishanga cya Mwogo*

Mu gitondo cyo ku wa 20 Kanama 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Kamegeri by'umwihariko Abanyamuryango ba Koperative Ingenzi za Kamegeri, mu muganda wo kuvomerera imboga zihinze mu gishanga cya Mwogo.



*Imboga zahinzwe mu gihe cy'izuba mu gishanga cya Mwogo ziri ku buso bwa hegitari 6*

Nyuma y'umuganda, Meya NIYOMWUNGERI yashimiye aba baturage ku gikorwa cyo guhinga imboga mu gihe kitari icy'imvura batangiye, abasaba kukigira umuco mu rwego rwo kwihaza mu biribwa by'umwihariko mu mboga.



*Meya NIYOMWUNGERI yasabye abahinzi bo muri Kamegeri kurushaho guhinga imboga no mu gihe kitari icy'imvura*

Igishanga cya Mwogo gifite ubuso bwa hegitari zigera kuri 30 mu gihe kuri ubu izihinzeho imboga ari 6.

Gihinzemo imboga z'ubwoko bwose zirimo amashu, ubutunguru, karoti n'izindi.

Ubuyobozi bw'Akarere burasaba abahinzi kongera ubuso buhingwaho imboga no mu gihe kitari icy'imvura mu rwego rwo kwihaza mu biribwa.

## MU KARERE HABAYE UBUKANGURAMBAGA BWO GUKORERA KAWA



***Visi Meya HABIMANA mu bukangurambaga bwo gukorera kawa***

Ku wa 22 Kanama 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yifatanyije n'abaturage b'Umurenge wa Cyanika by'umwihariko ab'Akagari ka Kiyumba mu bukangurambaga bwo gusazura kawa mu rwego rwo kuyongerera umusaruro mu bwiza no mu bwinshi.

Ubu bukangurambaga bwakozwe ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB) binyuze mu mushinga PSAC ugamije guteza imbere abahinzi bato b'ibihingwa byoherezwa mu mahanga.

Muri ubu bukangurambaga hakozwe umuganda wo gukata kawa mu rwego rwo kuyisubiza ibuto no kurimbura kawa zirengeje imyaka 30.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yasabye abaturage b'Umurenge wa Cyanika nk'umwe mu yeramo cyane igihingwa cya kawa mu Karere, kujya bayikorera neza kugira ngo babone umusaruro uhagije.



***Ibiti bya kawa bishaje byarasazuwe***

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Bwana Thaddée HABIMANA yasabye abaturage b'Umurenge wa Cyanika nk'umwe mu yeramo cyane igihingwa cya kawa mu Karere, kujya bayikorera neza kugira ngo babone umusaruro uhagije.



***Mu bukangurambaga bwo gukorera kawa, ibiti byazo bishaje byararimbuwe***



***Abitabiriye ubu bukangurambaga bose bumvishijwe ku buryohe bwa kawa***

## MU KARERE HATANGIRIJWE IBIKORWA BYO KWIYAMAMAZA KU BASENATERI BAHAGARARIYE AMAJYEPFO



***Abakandida Senateri bahagarariye Amajyepfo biyamamarije mu Karere***

Ku wa 27 Kanama 2024, mu Karere hatangirijwe ku rwego rw'Ifasi y'Intara y'Amajyepfo, ibikorwa byo kwiyamamaza ku Bakandida Senateri bahagarararariye iyi Ntara mu Matora azaba mu kwezi gutaha kwa Nzeri.

Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI wahaye ikaze abari bitabiriye ibi bikorwa yavuze ko kwiyamamaza ari inzira ya Demokarasi kandi ikaba ari yo yagejeje u Rwanda ku majyambere rufite uyu munsi.



***Inteko Itora y'Akarere yari yaje kumva imigabo n'imigambi by'Abakandida Senateri***

Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Madame Alice Kayitesi yashimiye aba Bakandida bahisemo guhagararira Intara y'Amajyepfo, abizeza ko Uturere twose baziyamamarizamo ibi bikorwa bizagenda neza.

Nyuma yuko Umwari Carine, Komiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora atangije ku mugaragaro ibikorwa byo kwiyamamaza kuri aba Bakandida Senateri bahagarariye Intara y'Amajyepfo, buri wese yahawe umwanya ageza ku Nteko Itora imigabo n'imigambi bye.



***Guverineri KAYITESI yashimiye Abakandida Senateri bahisemo guhagararira Intara y'Amajyepfo***

Intara y'Amajyepfo ihagarariwe n'Abakandida Senateri 7 bazatorwamo 3. Gutangiza ibikorwa byo kwiyamamaza kuri aba Bakandida Senateri byitabiriwe kandi na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Madame Clotilde UWAMAHORO, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA n'Abajyanama mu Nama Njyanama y'Akarere.

Aba bose bakaba bari mu bagize Inteko Itora.

## MU KARERE HIZIHIJWE UMUNSI MPUZAMAHANGA W'URUBYIRUKO



***Visi Meya UWAMARIYA mu Munsi Mpuzamahanga w'Urubyiruko***

Ku wa 17 Kanama 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yifatanyije n'urubyiruko rw'Umurenge wa Kamegeri mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere.

Uyu Munsi Mpuzamahanga w'Urubyiruko w'umwaka wa 2024 wari ufite insanganyamatsiko igira iti: "Ikoranabuhanga mu Rubyiruko, inzira yo kwihutisha Iterambere rirambye", waranzwe n'ibikorwa bitandukanye birimo kubakira MUKANTABASHWA Mélania w'imyaka 51 uri ku rutonde rw'abatishoboye.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yasabye urubyiruko kwihatira kumenya no gukoresha ikoranabuhanga kuko ari rwo rufunguzo rw'ejo hazaza harwo.

Yarusabye kandi kubyaza umusaruro amahirwa rwashyiriwe no kwirinda ingeso mbi zirimo kwishora mu biyobyabwenge, ubusinzi n'izindi.

Yarusabye kandi gukunda ishuri mbere y'ibindi byose kuko kwiga ari wo musingi w'ibyo rwifuza kugeraho byose.



***Visi Meya UWAMARIYA yasabye urubyiruko gukunda kwiga n'ikoranabuhanga***

Mu kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere habaye kandi imurikabikorwa ry'ibikorwa by'urubyiruko rwo muri uyu Murenge.



***Ku Munsi Mpuzamahanga w'Urubyiruko ku rwego rw'Akarere hatangijwe ibikorwa byo kubakira utishoboye***



***Urubyiruko rwo muri Kamegeri rwagaragaje ibyo rukora***

## AKARERE KAKIRIYE EARTHENABLE TUBE HEZA IGIYE KUBAKA INZU Z'AB'ABAMIKORO ACIRITSE




***Meya NIYOMWUNGERI yakiriye EarthEnable***

Ku wa 23 Kanama 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yakiriye itsinda ryaturutse mu Mushinga EarthEnable Tube Heza ushaka kubaka inzu 120 zizatangwa ku nguzanyo, abazihawe bakajya bazishyura buri kwezi.

Iri tinda ryari riyobowe na Rosie Goldrick, Umuyobozi w'ibijyanye n'ikoranabuhanga muri uyu Mushinga ryabanje gusura site y'imiturire ya Nyabivumu iherereye mu Murenge wa Gasaka biteganyijwe ko ari yo izubakwaho izi nzu.

Iri tsinda ryashimye iyi site bitewe nuko ryasanze iriho ibikorwaremezo by'ingenzi nk'umuriro w'amashanyarazi, imihanda n'amazi meza.




***Basuye site ya Nyabivumu bifuza kubakaho inzu 120***

Nyuma yo gusura iyi site, iri tsinda ryagiranye ibiganiro n'Umuyobozi w'Akarere Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI na bamwe mu bakozi bo mu Ishami ry'Ibikorwaremezo n'Imiturire mu Karere ku bijyanye n'uko uyu mushinga uzashyirwa mu bikorwa.

Meya NIYOMWUNGERI yashimiye cyane uyu Mushinga wemeye kugira uruhare mu gufasha abatuye Akarere ka Nyamagabe kubona aho kuba heza kandi hadahenze.

Yavuze ko Akarere gateganya ko abinjiza amafaranga make nk'abacuruzi bato n'abarimu ari bo bazahabwa izi nzu.

Ni ukuvuga abinjiza amafaranga ari hagati y'ibihumbi mirongo icyenda (90) n'ijana na mirongo itanu (150) by'amafaranga y'u Rwanda ari bo bagomba guhabwa izi nzu bakazajya bazishyura buhoro buhoro.




***Inzu zizubakwa kuri iyi site zizahabwa abinjiza amafaranga make***

Biteganyijwe ko uzahabwa inzu muri iyi site azajya yishyura amafaranga y'u Rwanda ari hagati y'ibihumbi 10 na 30 nyuma bikarangira ibaye iye.

Gusa bizanozwa neza nyuma yo kubiganiriza abagenerwabikorwa.

# MU KARERE HABAYE UBUKANGURAMBAGA KURI GAHUNDA YA GIRAWIGIRE N'IZINDI



***Ubukangurambaga kuri GiraWigire muri Buruhukiro***

Ku wa 28 Kanama 2024, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yayoboye ubukangurambaga kuri gahunda za Leta zitandukanye bwabereye mu Murenge wa Buruhukiro.

Ubu bukangurambaga bwateguwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) ku bufatanye na Urunana Development Communication bwibanze kuri gahunda za Leta zitandukanye zirimo GiraWigire igamije gukangurira abaturage gukora cyane mu rwego rwo kwivana mu bukene, kwiyandikisha no kuzuza amakuru y'ingo muri Sisiteme Imibereho, gukoresha neza inkunga bahabwa n'izindi.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès UWAMARIYA yasabye abaturage ba Buruhukiro gukora cyane mu rwego rwo kwivana mu bukene, kureba amakuru y'ingo no kwiyandikisha muri Sisiteme Imibereho n'ibindi.

Muri ubu bukangurambaga, abakinnyi b'ikinamico Urunana bakinnye umukino wari urimo inyigisho zibanze kuri izi gahunda.



***Visi Meya UWAMARIYE yasabye abatuye Buruhukiro kwitabira gahunda za Leta zabashyiriweho kuko ari zo iterambere ryabo rishingiyeho***

# MU KARERE HATANGIJWE ICYUMWERU CY'IRANGAMIMERERE ABATURAGE BAHABWA SERIVISI Z'IRANGAMIMERERE



*Hatangijwe Icyumweru cy'Irangamimerere*

Ku wa 27 Kanama 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yayoboye Inteko y'Abaturage mu Kagari ka Ruhunga, mu Murenge wa Kibirizi.

Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage gukora cyane mu rwego rwo kwivana mu bukene; kwirinda indwara y'Ubushita bw'Inkende bagira isuku kandi birinda gukoranaho.

Yabasabye kandi kwicungira umutekano bitabira kurara amarondo; kwirinda ubusinzi n'urugomo, gutanga umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza ku gihe n'ibindi.

Iyi Nteko y'Abaturage mu Murenge wa Kibirizi yahujwe no gutangiza Icyumweru cy'Irangamimerere ku rwego rw'Akarere.

Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage kwandikisha abana bavutse; kwandukuza abapfuye no gushyingirwa mu mategeko ku babana batarasezeranye.

Muri iki Cyumweru cy'Irangamimerere, abaturage boroherejwe kwandikisha imimerere irimo kwandikisha abana batigeze bagira amahirwe yo kwandikwa mu bitabo by'irangamimerere; abapfuye nabo batavanywe mu bitabo by'irangamimerere barandukuwe; ababanaga batarasezeranye na bo bafashijwe kubana mu buryo bwemewe n'amategeko n'ibindi.

Hatanzwe kandi serivisi zo kwemera umwana; izo kumwishingira n'izindi.

Ku munsi wa mbere w'Icyumweru cy'Irangamimerere, mu Murenge wa Kirizi gusa abagera kuri 356 bahawe serivisi z'irangamimerere zirimo izo kwandikisha abana no kwifotoza ku bagiye gufata indangamuntu.



*Meya NIYOMWUNGERI ni we wayoboye Inteko y'Abaturage yatangirijwemo Icyumweru cy'Irangamimerere*



*Muri iki Cyumweru cy'Irangamimerere abaturage bahawe serivisi zitandukanye z'irangamimerere*

# MINISITIRI WA MINEMA YISHIMIYE UKO IBIKORWA BYO KUBAKA RUHURURA MUNSI Y'INKAMBI Y'IMPUNZI YA KIGEME BIRI KUGENDA



*Minisitiri wa MINEMA Maj. Gen. (Rtd) MURASIRA yasuye ibikorwa byo kubaka ruhurura munsi y'Inkambi ya Kigee*

Ku wa 30 Kanama 2024, Minisitiri w'Ibikorwa by'Ubutabazi, Maj. Gen. (Rtd) Albert MURASIRA ari kumwe n'Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI bakurikiranye ibikorwa byo kubaka ruhurura ziri munsi y'Inkambi y'Impunzi ya Kigeme, yishimira ko biri kugenda neza.

Bitewe n'amazi yiganjemo ay'imvura aturuka muri iyi Nkambi, mu bihe bitandukanye munsi yayo hagiye hangirika cyane ku buryo uretse kuba byarangizaga ibidukikije, n'ubuzima bw'abayibamo hamwe n'abaturanye na yo bwari buri mu kaga.

Ibi byatumye ku bufatanye bwa MINEMA, Akarere n'Abafatanyabikorwa batandukanye bo mu Nkambi y'Impunzi ya Kigeme bagirana ibiganiro byahurije ku kuba aha hantu hakubakwa ruhurura.

Ubwo yasuraga ibikorwa byo kubaka izi ruhurura, Minisitiri wa MINEMA Maj. Gen (Rtd) Albert MURASIRA yishimiye ko imirimo iri kugenda neza.

Icyakora yasabye Rwiyemezamirimo uri kuzubaka, kuyihutisha kugira ngo imvura nyinshi itazagwa atarasoza.



*Ibikorwa byo kubaka izi ruhurura bigeze kure*



*Minisitiri wa MINEMA yasabye ko ibikorwa byo kubaka izi ruhurura byihutishwa*

Ubuyobozi bw'Akarere bwemereye Minisitiri wa MINEMA ko ku bufatanye na Rwiyemezamirimo uri kubaka izi ruhurura, hagiye kuganirwa ku cyakorwa kugira ngo imirimo irangire vuba.

# UMUYOBOZI W'AKARERE YAKOREYE UMUGANDA WA KANAMA MU MURENGE WA KADUHA AHATUNGANYIJWE UMUHANDA W'UMUGENDERANO



*Meya NIYOMWUNGERI mu Muganda Rusange i Kaduha*

Ku wa 31 Kanama 2024, Umuyobozi w'Akarere, Bwana Hildebrand NIYOMWUNGERI yifatanyije n'abatuye Umurenge wa Kaduha, mu Kagari ka Kavumu mu gikorwa cy'Umuganda Rusange usoza ukwezi kwa Kanama 2024 aho basibuye umuhanda Tunani-Nyabisindu ureshya na kilometero 3, banakora amateme 2 yo kuri uyu muhanda.

Nyuma y'Umuganda, Meya NIYOMWUNGERI yashimiye abaturage bawitabiriye, abasaba kutarebera mu gihe ibikorwaremezo birimo imihanda, amateme n'ibindi biri kwangirika.



*Umuganda Rusange w'i Kaduha wibanze ku gutunganya umuhanda w'umugenderano*

Yaragize ati: "Mwakoze cyane kwitabira uyu Muganda Rusange. Umuganda ni umwanya wo gutekereza kongera kubaka no kuzamura uruhare rwacu mu biduteza imbere."

Meya NIYOMWUNGERI yasabye kandi aba baturage kwirinda indwara y'Ubushita bw'Inkende, bagira isuku kandi birinda gukoranaho; gukora cyane mu rwego rwo kwiteza imbere; gutanga umusanzu w'ubwisungane mu kwivuza, kwicungira umutekano barushaho kurara amarondo n'ibindi.



*Meya NIYOMWUNGERI yasabye abaturage gusigasira ibikorwaremezo, gukora cyane no gutanga umusanzu wa MUSA*

Umuganda Rusange wakozwe no mu yindi Mirenge igize Akarere.

Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza y'Abaturage, Madame Agnès we yifatanyije n'abatuye Umurenge wa Kibirizi, Akagari ka Karambo aho basibuye umuhanda ufite uburebure bwa kilometero ebyiri n'igice uhuza uyu Murenge n'uwa Kibumbwe.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere, Bwana SAMVURA Valens Umuganda Rusange yawukoranye n'abatuye Umurenge wa Kamegeri, Akagari ka Bwama.

**This Newsletter was produced**

**by**

**Callixte NDAGIJIMANA**

**Public Relations, Media and Communication Officer**

**Contacts:**

**Email: pro@nyamagabe.gov.rw**

**Phone: +250783353060**